




# Ntwari n' umusaza

Jean Paul Harelimana
Kenneth Boyowa Okitikpi


Kinyarwanda

African Storybook.org




Ntwari yari atuye mu nzu nziza mu mugi wa Musanze. Ababyeyi be bari abakire.

Ntwari yari afite imbwa yitwa Makasi. Yafataga imbwa ye neza.




Buri munsi, se wa Ntwari yamujyanaga ku ishuri mu imododoka. Nyuma yo kwiga, yajyaga kumucyura mu modoka.

Umunsi umwe nyuma ya saa sita bataha, se wa Ntwari yahagaritse imodoka ajya kugura ibintu mu iduka rinini.




Ntwari yasohotse mu modoka abona umusaza wari wikoreye umutwaro uremereye cyane.

Yari ananiwe kandi agenda buhoro. Ntwari yakomeje kumureba.



Umusaza yicaye munsi y'igiti cyari hafi y'inzira afungura uruhago rwe.

Yari yambaye inkweto yakoze mu macupa ya parasitike.



Ntwari yamaze igihe kinini atekereza wa musaza. Byaramubabaje.

Ageze mu rugo ntiyariye.

Yatekereje icyo yakora.




Yarabyutse afata amafaranga mu gahagoke, ahamagara Makasi maze yurira igare rye.

Ntwari yatwaye igare ajya ku  iduka aho se yari yaguze.





Uwo muhungu yirukankiye mu iduka asohokana uruhago yerekeza aho wa musaza yari yicaye yegamye ku giti aruhuka.

Ntwari yaramusuhuje ati: "Mwiriwe?" Umusaza arasubiza ati: "Gira amahoro mwana wange!"





Ntwari aramubaza ati: "Uturutse he?"

Umusaza aramusubiza ati: "Mwana wajye, ubu naje mpunga inzara yateye mu mudugudu w'iwacu. Ubu naje hano gushaka amafaranga."



Ntwari yamuhaye rwa ruhago rwarimo ibyo yaguze.

Afunguye, yasanzemo inkweto maze amarira amuzenga mu maso. Yashimiye Ntwari ku umutima mwiza agira.




Ntwari yabwiye umusaza ati: "Ngomba gutaha kare Mama atarankenera ngo ambure."

Umusaza yapepeye Ntwari n'imbwa ye, baragenda avuga amwenyura ati: "Nkwifurije umugisha mwana wa!"



Ntwari akigera mu rugo, nyina yari yahangayitse aramubaza ati: "Ntwari, wahoze he?"

Ntwari yamubwiye byose ntacyo amuhishe, maze iyo nkuru ibabaje imukora ku mutima.



Nyuma, se wa Ntwari yaramubwiye ati: "Twishimiye ibyo wakoze. Ariko ugomba guhora utubwira mbere yuko uva mu rugo."

Hanyuma yongeyeho ati: "Nanjye na nyoko turashaka gufasha umusaza!"

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

# Ntwari n' umusaza
## (Mbere Emeka n' umusaza)

**Umwanditsi** -- Nwanne Felix-Emeribe
**Ubuhinduzi** -- Jean Paul Harelimana
**Kumenyera** -- Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- Kenneth Boyowa Okitikpi
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Paragarafuya mbere

© African Storybook Initiative 2018
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
**Inkomoko** www.africanstorybook.org

2023.07.06